## Kwirinda ubujura bw'ibinyabiziga

Gufata ingamba zo kwirinda no gukomeza uburyo bwo kugera ku cyibasiwe bishobora kukugabanyiriza ibyago byo kwibwa ikinyabiziga. Inama zikurikira zishobora kugufasha guca intege abajura ku kinyabiziga cyawe.

### Ingamba

- Igihe cyose jya uzamura amadirisha, ufunge imiryango kandi utware urufunguzo, nubwo waba utari butinde.
- Ntuzigere usiga moteri y'ikinyabiziga cyawe yaka igihe nta muntu urimo.
- Parika imodoka yawe ahantu hagaragara kandi habona neza.
- Ntuzigere usiga imfunguzo zo kwifashisha igihe wabuze urundi, zihishe mu kinyabiziga cyangwa zigifasheho.
- Igihe bishoboka jya uparika ahantu harinzwe, kugirango habeho amahirwe yo kubona abahamya.
- Niba ufite igaraje wayikoresha, cyangwa uparike mu gipangu cyawe.
- Funga urugi rw'igaraje ushyiremo kare kimwe n'ikinyabiziga cyawe.
- Ntuzigere usiga inyandiko y'umutungo imbere mu kinyabiziga.

### Ibikoresho

- **Ikoranabuhanga ry' uguhagarika imodoka** – rihagarika sisitemu y'umuriro, lisansi/mazutu cyangwa uburyo bwo gukoresha imodoka.
- **Igikoresho gihagarika deregisiyo** – Kibuza vola kurenga dogere runaka; kigaragarira uri inyuma.
- **"Collar"** – Ibuza uruziga rwa diregisiyo gukurwaho.
- **Igikoresho gihagarika amaferi** – Gihagarika amaferi ntakore, ntive aho iri.
- **Kwandikaho nomero ya purake** – Kwandika nomero VIN ku kirahure cyikinyabiziga bishobora guca intege abajura ntibagihe agaciro.

*Akenshi ubujura bw'ibinyabiziga bukorwa nijoro cyangwa mu masaha y'igitondo, kandi uburenze icya kabiri bukorerwa mu bice abantu batuyemo harimo n'inyubako zicumbikiye abantu benshi.*

## Kwirinda ubujura bw'ibiri mu/ku binyabiziga

Ubujura bw'ibiri mu/ku binyabiziga ni icyaha gikorwa igihe uwiba abonye amahirwe; ibinyabiziga ni ikintu abajura batekerezaho vuba kandi akenshi biba birimo umutungo ubakurura.  Parikingi nini n'uturere dufite ahantu henshi baparika ku mihanda bishobora kuba ahantu h'ingenzi abajura bagambirira. Koresha inama zikurikira zoroshye kandi zidahenze ugabanye ibyago byo kwibwa.

### Ingamba

- Ntukagire ikintu usiga mu kinyabiziga cyawe kigaragarira abari inyuma.
- Parika ahantu hagaragara, habona neza
- Zamura amadirishya ukinge n'inzugi.
- Shyira ibintu mu isanduku y'inyuma, mbere y'uko ugera aho ugiye.
- Funga isanduku y'inyuma, inzugi z'inyuma, ubike neza ibikoresho biri mu kinyabiziga.

### Kuramo ibi bintu

- Imfunguzo z'igaraje
- Ibikoresho bya elegitoroniki (mudasobwa na telefoni bigendanwa)
- Imizigo/ibikapu
- Impapuro/ibikoresho bijyanye n'amafaranga
- Amafaranga
- Imbunda
- Imeri
- Ububiko bw'impapuro/udusakoshi

ALBUQUERQUE POLICE

ONE ALBUQUERQUE APD